



Muryamo y'amatungo magufi yuza

Indwara z'ibyorezo z'amatungo zitava mu matungo ngo zifate abantu zigomba kumenyekanishwa

Ubwoko bw'amatungo ifata

- Intama
- Ihene

Uburyo virusi ihindukamo indwara

- Amakuru rusange : Muryamo y'amatungo magufi yuza "Sheep and goat plague" mu cyongereza ni indwara iterwa na virusi yandura cyane ifata intama n'ihene.
- Virusi: iri mu bwoko bwa *Morbillivirus*, yo mu muryango wa *Paramyxoviridae*; kubaho hanze y'utaremangingo ibamo birayigora
- Igihe imara kugira ngo igaragaze ibimenyetso: iminsi 3 kugeza kuri 6

Ibimenyetso by'iyi ndwara

- Umuriro mwinshi mu ntangiriro y'uburwayi Kwigunga cyane
- Amarira (👉 1), ikimwira (👉 2), n'urukonda bibanza gusohoka byonyine nyuma bikaza bivanze n' amashyira Guhitwa cyane, rimwe na rimwe kurimo amaraso (👉 3)
- Guhumeka nabi, guherekejwe no gukorora
- Ibisebe mu kanwa (👉 4), itungo ntiryongere kurisha
- Gutamuka no kumagara kw'imyenge y'amazuru
- Kuramburura
- Gupfa nyuma y'igihe gito (iminsi 5-10)

Nyuma y'isuzumwa ry'intumbi

- Kuva amaraso mu bihaha (👉 5)
- Gutukura cyane no kugaragaza ibikomere bidasanzwe biri ku murongo ku mara manini (👉 6)

Uko yandura

- Uburyo butaziguye: mu kugira aho itungo rizima rihurira n'irirwaye cyangwa / no kwinjirwamo n'amatembingo y'itungo ryanduye cyangwa ibirikomokaho
- Uburyo buziguye: biturutse ku bindi bintu bifite aho bihuriye n'itungo rirwaye (icyarire, ibiryo, imyambaro, ibikoresho, ...)





Ibizamini bigomba gupimwa

- Itungo rizima: amaraso arimo umuti utuma atanaga (Vacutainer 5 ml) , ibizamini by'amatembabuze ava mu maso (amarira), mu mazuru (ikimwira), mu kanwa (urukonda) cyangwa ingenera (serumu)

- Nyuma yo gupima intumbi: ibipimo byafashwe mu nturugunyuru, mu bihaha, mu mara, no mu rwagashya

Kuyivura

- Nta muti uriho, keretse uwo kuvura ibyuririzi
- Intumbi z'amatungo yapfuye n'ibirambu bigomba gutabwa kure mu kuzimu no kwangizwa hahoreshejwe ishwaraga



***Inama n'ingamba zigomba
gukurikizwa mu gihe cy'icyorezo
cy'indwara ya Muryamo
y'amatungo magufi yuza***

Izigenewe abajyanama b'ubuzima bw'amatunfo (CAHWS)

- Kugenzura amatungo yose, akareba niba itungo riatri kurira, niba ridata ibimwira n'ibikonda; ukwigunga no kureba niba amatungo atarwaye impiswi
- Gusuzuma amatungo yose kabiri ku munsu mu gihe cy'iminsi 7
- Gutaba intumbi z'amatungo n'ibirambu muri metero 2 z'ubujyakuzimu hifashishijwe ishwaraga

Izigenewe abafasha b'abavuzi b'amatungo:

- Gushyira mu kato amatungo arwaye no gufata ingamba zituma atanduza andi matungo
- Gukurikiranira hafi ibagwa ry'amatungo n'itabwa ry'intumbi z'amatungo n'ibirambu

Ku baganga b'amatungo bigenga n'abakorera leta:

- Kugira inama aborozi kuvana mu bworozi amatungo arwaye (*stamping out*)
- Gushyiraho gahunda yo gukingira amatungo yumvikanyweho n'inzego z'ubuyobozi bushinzwe ubuzima bw'amatungo